REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA GICURASI 2025

10 Kamena 2025

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA GICURASI 2025

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2025. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Mu kwezi kwa Gicurasi 2025, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 6,9% ugereranyije na Gicurasi 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Mata 2025 byari byiyongereyeho 6,3%.

Mu kwezi kwa Gicurasi 2025, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 9,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 3,3%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 3,7% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,6%.

Ugereranyije Gicurasi 2025 na Gicurasi 2024, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 6%.

Ugereranyije Gicurasi 2025 na Mata 2025, ibiciro byiyongereyeho 0,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,5%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Gicurasi 2025, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 8,2% ugereranyije na Gicurasi 2024. Ibiciro mu kwezi kwa Mata 2025 byari byiyongereyeho 6,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Gicurasi 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 10,3% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 7,1%.

Ugereranyije Gicurasi 2025 na Mata 2025, ibiciro byagabanutseho 0,4%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,2%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Gicurasi 2025, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 7,7% ugereranyije na Gicurasi 2024. Mu kwezi kwa Mata 2025 ibiciro byari byiyongereyeho 6,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Gicurasi 2025 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 10%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 7,2% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 13,5% .

Ugereranyije Gicurasi 2025 na Mata 2025, ibiciro ntibyahindutse.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Gicurasi 2024 kugeza muri Gicurasi 2025.**

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2024 | | | | | | | | 2025 | | | | |
| | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 5,8 | 5,0 | 4,9 | 5,0 | 2,5 | 3,8 | 5,0 | 6,8 | 7,4 | 6,3 | 6,5 | 6,3 | 6,9 |
| Mu byaro | -1,6 | -1,4 | -0,6 | -0,3 | -2,9 | -1,5 | 2,4 | 6,2 | 4,5 | 2,2 | 3,9 | 6,9 | 8,2 |
| Mu Rwanda | 1,3 | 1,1 | 1,5 | 1,7 | -0,8 | 0,5 | 3,4 | 6,4 | 5,7 | 3,8 | 4,9 | 6,6 | 7,7 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,0 | -0,4 | -0,1 | 0,9 | 1,2 | 1,5 | 0,1 | -0,8 | 0,5 | 0,7 | 1,3 | 1,2 | 0,6 |
| Mu byaro | -1,6 | -0,8 | 0,9 | 1,7 | 1,6 | 2,5 | 1,4 | -2,1 | -2,9 | 1,0 | 2,2 | 3,0 | -0,4 |
| Mu Rwanda | -1,0 | -0,6 | 0,5 | 1,4 | 1,5 | 2,1 | 0,9 | -1,6 | -1,6 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 0,0 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw